Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "NEWSLETTER"
# UKUBOZA 2024

## KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE YAGEJEJE KU NAMA NJYANAMA IBYAKOZWE MU MEZI 6 ASHIZE

Mu izina rya Komite Nyobozi y'Akarere, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yagejeje ku bagize Inama Njyanama ibikorwa by'ingenzi byakozwe mu mezi atandatu ashize kuva Nyakanga 2024 kugeza Ukuboza 2024. Ibi yabitangarije mu nama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa kabiri tariki 31 Ukuboza 2024.





Iyi nama y'Inama Njyanama y'Akarere yateraniye ku Karere iyobowe na bwana NYONI Emilien Lambert Perezida w'Inama Njyanama. Umuyobozi w'Akarere yatanze ishusho rusange ku ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'Akarere y'uyu mwaka, hamwe n'imishinga migari izakorwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2024/2025 aho igeze ishyirwa mu ngiro.



Mu nama abajyanama basuzumiye hamwe kandi raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Nnama Njyanama, harebwe raporo ya komite ngenzuzi, abajyanama banemeje gahunda y'umushinga uzatanga amashanyarazi muri Kamonyi.Inama yanitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere bwana Bushayija Fred.



## ABATANGA SERIVISI Z'IREMBO (AGENTS) BASABWE KURANGWA N'IMIKORERE INOZE




Tariki 24 Ukuboza 2024, ku Karere habereye amahugurwa yatumiwemo abatanga serivizi z'irembo hirya no hino mu Mirenge bazwi ku izina rya ba "agents" b'Irembo. Yari agamije kongerera ubumenyi bwo gutanga serivisi nziza kandi ku gihe, basabwa gukurikiza ibiciro byashyizweho n'irembo bizwi nka Ntuyarenze kandi bigomba kuba bimanitse aho buri mu ajenti.




Amahugurwa yatanzwe n'Ikigo Irembo gihagarariwe na bwana Butera John n'itsinda bari kumwe, ibi biganiro byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel akaba yasabye abajenti bose kwitwara neza bakirinda gutuma irembo riba icyanzu mu gihe baba bakora ibyo bishakiye badatanga serivisi neza kandi nziza.



## GUVERINERI YAYOBOYE INAMA YA BIRO NA KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE



Ku biro by'Akarere tariki 27 Ukuboza habereye inama iteaganywa n'itegeko ikaba isanzwe ihuza Guverineri w'Intara hamwe na Komite Nyobozi y'Akarere na Biro y'Inama Njyanama y'Akarere. Inama yayobowe na Mme Kayitesi Alice Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yitabiriwe kandi n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara bwana Nshimiyimana Vedaste n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere.

Mu nama hagarutswe ku ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga n'ingengo y'imari y'Akarere, Ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage, gahunda ya "Graduation" irebana no guherekeza abatishoboye kwikura mu bukene, abafashwa bagafashwa ndetse abagenerwa imishinga igakorwa bityo bakiteza imbere. Hananiriwe kandi ku gukemura ibibazo by'akarengane no kurangiza imianza, imikorere n'imikoranire hagati ya Komite Nyobozi y'Akarere.





# ABESAMIHIGO NEWSLETTER

**UKUBOZA 2024**

## HARISHIMIRWA IBIMAZE GUKORWA MU MUSHINGA "GREEN AMAYAGA"







Tariki 27 Ukuboza, habayeho kumirikana ibimaze gukorwa mu mushinga Green Amayaga, bikaba ari ibikorwa byo kwishimira ariko hari n'ibigomba gukomeza kwitabwaho kugira ngo ibikorwa by'umushinga bikomeze kugirira akamaro abaturage.

Ni mu nama y'umushinga yabereye ku Karere "Green Amayaga" uyu mushinga ukaba ugamije kugarura urusobe rw'ibimera mu gice cy'amayaga kaba ushyirwa mu bikorwa ku bufatanye na REMA yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere. Hari hatumiwe Umukozi wa REMA ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'umushinga mu Karere, abakozi bo mu Ishami ry'Ubuhinzi n'Umutungo Kamere, abakurikirana uyu mushinga (supervisors), abakozi bashinzwe Ubuhinzi, abashinzwe Ubworozi, abashinzwe Amashyamba n'abakozi bashinzwe imibereho myiza n'iterambere mu Tugari babarizwa mu Mirenge umushinga ukoreramo.



Harebewe hamwe ibikorwa bimaze kugerwaho kuva umushinga utangiye mu mwaka wa 2020, gufata ingamba zo kwihutisha ibikorwa bitararangira no kubungabunga ibikorwa byose byagezweho.

# ABAYOBOZI MU NZEGO ZOSE BASABWE UBUFATANYE KU ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA YA EJO HEZA.

Tariki 30 Ukuboza 2024 ku Karere hateraniye inama yari yatumiwemo abayobozi mu nzego zitandukanye ndetse no ku nzego z'amakoperative. Mu nama hagarutswe kuri gahunda ya Ejo Heza ikaba yari iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.



Mu nama hari hatumiwe abayobozi b'amakoperative akorera mu Karere, abayobozi ba koperative bungirije n'umwe mu bakozi ba koperative basanzwe uhagarariye abandi.

Muri rusange inama yibanze ku gushishikariza abatumiwe uburyo gahunda ya Ejo Heza yakongerwamo imbaraga n'uburyo bwo gukomeza gushishikariza abanyamuryango kwitabira.




Mu nama kandi hagarutswe ku miyoborere n'imicungire ya koperative, ibiganiro byatanzwe n'abakozi mu ishami rifite mu nshingano ubucuruzi n'iterambere ry'umulimo.





## HAKOZWE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU BIPIMO BY'UBUZIMA



Tariki 27 Ukuboza 2024, ku biro by'Akarere habereye inama y'igihembwe cya II 2024-2025 yiga ku bipimo by'ubuzima no kuri serivisi zitangirwa mu bigo by'ubuvuzi bikorera mu Karere (DHMT), inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Madame UWIRINGIRA Marie Josee, yitabirwa n'abagize itsinda rya DHMT n'umufatanyabikorwa mu by'ubuzima, JHPIEGO.

Mu nama Hagarutswe ku bipimo by'ubuzima uko bihagaze hirya no hino mu bigo nderabuzima no ku Bitaro by'Akarere, imicungire y'ibikoresho, imbangukiragutabara na moto zishaje, imicungire y'abakozi mu mavuriro akorera mu Karere, imikoranire hagati ya "Rwanda Medical Supply" na RSSB.

## INAMA KURI GAHUNDA Z'ABAFITE UBUMUGA YARATERANYE

Tariki 22 Ukuboza 2024, ku Karere habereye inama yahuje komite ya NCPD ku rwego rw'Akarere ibiganiro byayobowe n'Umuhuzabikorwa wa NCPD bwana Michel Nzigiyimana akaba n'umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere. Hari hatumiwe abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga zo ku ku rwego rw'Imirenge, abashinzwe ibarura ry'abantu bafite inzitizi cyangwa se Ubumuga.

Inama yari igamije kurebera hamwe uko ibarura ryagenze no kurisoza ku mugaragaro. Rikaba rirangiye Akarere ka KAMONYI habaruwe abantu 17852 bingana na 106%. Baboneyeho kandi gutanga ibikoresho (tablets) bakoreshaga.





# ABATURAGE BIBUKIJWE KWIZIHIZA IMINSI MIKURU ARIKO BADASESAGURA







Mu butumwa bwatanzwe hirya no hino mu Mirenge ku gicamunsi tariki 24 UKuboza 2024 mu nteko z'abaturage, ubuyobozi bwibukije abaturage kwizihiza iminsi mikuru ariki bakirinda kwaya no gusesagura kuko nyuma y'iminsi mikuru ubuzima burakomeza.



Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Furaha Fulgence, we yasabye abaturage gukomeza ubufatanye mu gukumira ibyaha bitaraba. Yabasabye kwirinda ibiyobyabwenge kandi bakumva ko bafite inshingano zo gutanga amakuru ku kintu cyose babona cyahungabanya umutekano.

Mu kiganiro n'abaturage bo mu Kagari ka Kambyeyi Umurenge wa Nyarubaka, Umuyobozi w'Akarere yibukije abaturage gukomeza kurangwa n'ibikorwa byiza byubaka igihugu, gukomeza ubufatanye n'inzego z'umutekano mu kuwubungabunga kandi buri wese akumva ko bimureba. Uyu muyobozi yasabye kandi abaturage kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka mu mahoro kandi bakirinda gukoresha nabi umutungo kuko nyuma y'iminsi mikuru hari izindi gahunda zibategereje zirimo n'itangira ry'amashuri.

## NYAMIYAGA: HABEREYE KU RWEGO RW'AKARERE IBIRORI BY'UMUNSI W'ABANTU BAFITE UBUMUGA





Mu Karere mu Murenge wa Nyamiyaga hizihirijwe umunsi Mpuzamahanga w'Abantu ubumuga. Insanganyamatsi yari Tuzamure uruhare rw'Abantu bafite ubumuga mu miyoborere, twubaka ejo heza. Umushyitsi mukuru yari Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. NAHAYO Sylvere, hamwe n'abagize inzego za NCPD mu Mirenge na bwana Nzigiyimana Michel umuhuzabikorwa wa NCPD mu Karere.

Umuyobozi yashimiye abantu bafite ubumuga uruhare rwabo mu Miyoborere y'Igihugu n'Iterambere ry'Ubukungu. Bashimiwe kandi ibikorwa byakozwe mu cyumweru cyahariwe Abantu bafite ubumuga. Hatanzwe kandi amagare n'imbago ku bazikeneye kurusha abandi.

## HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE

Tariki 23 Ukuboza 2024 ku biro by'Akarere habereye inama y'umutekano yaguye y'Akarere iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr.Nahayo Sylvere. Abitabiriye inama basuzumye ishusho y'umutekano kuva Ugushyingo 2024, imigendekere ya gahunda yo gucyura abanyeshuri, imyiteguro y'iminsi mikuru, banunguranye ibitekerezo ku ngamba zo gukumira ibiza.






Inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Furaha Fulgence, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abayobozi b'Imirenge, abakuriye inkeragutabara, Polisi, RIB ndetse na DASSO mu Mirenge, hari hatumiwe n'abahagarariye Urubyiruko rw'Abakorerabushake mu Mirenge.

## GUVERINERI YASABYE INKOMEZABIGWI ICYICIRO CYA XII KURANGWA N'IMYITWARIRE IBONEYE





Ubwo hasozwaga Itorero ry'Inkomezabigwi icyiciro cya 12 mu Murenge wa Runda mu Kigo RUNDA TSS tariki 29 Ukuboza 2024, mu butumwa bwe Guverineri yasabye urubyiruko rushoje Itorero kwirinda ingeso mbi n'ibibazo bibangamira iterambere ry'abantu n'igihugu harimo ubuzererezi, kwishora mu biyobyabwenge, ubusinzi, inda zitateguwe n'iziterwa abangavu, ruswa n'ibindi.

Uru rubyiruko rwasbwe kandi kwirinda guta ishuri, kwamaganira kure ababayobya bashaka kubaganisha mu nyungu zabo bwite zihabanye n'izo ubuyobozi bw'Igihugu bushyize imbere. Umuyobozi w'Intara yanasabye aba banyehsuri barangije ayisumbuye kwirinda inzira z'ubusamo (short cuts) mu gushaka ubukire n'imibereho myiza kuko akenshi zirangira nabi.

Nyuma y'umuhango wo guhabwa izina ry'Inkomezabigwi XII no kwinjizwa mu zindi ntore z'Abesamihigo ba Kamonyi, izi ntore z'abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye bamaze gushyira umukono ku mihigo biyemeje kuzesa mu rwego rwo gufasha mu iterambere ry'igihugu.

Uretse Umuyobozi w'Intara, muri iki gikorwa hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi wa "Reserve Forces" mu Karere Lt. Colonel Eliphaz MUGISHA hamwe n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere.



# ABAHIZE ABANDI MU KUZAMURA IBIPIMO BY'UBUZIMA BARASHIMIWE




Mu Nkera y'imihigo y'ubuzima yo ku mugoroba wo kuwa 20 Ukuboza 2024 yabereye ku biro by'Akarere i Gihinga, Ibigo Nderabuzima byahize ibindi mu kuzamura ibipimo by'ubuzima byarashimiwe. Ku Karere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge niho habereye iki gitaramo cy'inkera y'imihigo y'ubuzima cyateguwe ku bufatanye na RWACHI umuryango wita ku buzima bw'abangavu n'abana; hagamijwe kongera kwibukiranya uruhare rwa buri wese mu guharanira ubuzima buzira umuze.

Iyi nkera y'imihigo y'ubuzima yitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, Umuyobozi wa RWACHI Nsengiyumva Jacques DG KUBAMA Aimable wari uhagarariye MINALOC, intumwa ya RBC, UNESCO, ENABEL n'abandi bafatanyabikorwa.

Ikigo Nderabuzima cya Gihara nicyo cyahize ibindi bigo mu kuzamura ibipimo by'ubuzima mu Karere cyashyikirijwe sheki y'amafaranga miliyoni. Ikigo Nderabuzima cya Musambira cyiza ku mwanya wa 2 cyahembwe ibihumbi 800 naho Ivuriro rya Nyagihamba ryaje ku mwanya wa 3 bagenerwa sheki y'ibihumbi 600.



## ABAGIZE IHURIRO JADF BARATERANYE MU NTEKO RUSANGE







Tariki 20 Ukuboza 2024, ku Karere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye inama y'Inteko Rusange y'Ihuriro ry'afatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere iyobowe na bwana Semugaza Tharcisse perezida w'Ihuriro.

Inama yitabiriwe n'Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Kamonyi, abafatanyabikorwa b'Akarere mu ngeri zitandukanye n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

Abitabiriye inama y'Inteko Rusange bunguranye ibitekerezo ku igenamigambi ry'Akarere ka Kamonyi umwaka utaha w'ingengo y'imari 2025/2026, uko gahunda yo gukura abaturage mu bukene ihagaze, baganiriye kandi ku mategeko yihariye agenda Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa.



# ABIKORERA BIBUKIJWE KO BAFITE URUHARE RUNINI MU GUKUMIRA UBUSHOMERI



Mu nama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'umurimo yabereyere ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda tariki 18 Ukuboza 2024, abikorera bibukijwe ko bafite uruhare rukomeye mu gukumira ubushomeri kuko aribo ahanini batanga akazi hashingiwe ku guhanga imirimo no kunoza ibyo bakora bakagura ibikorwa.



Iyi nama nyunguranabitekerezo ku guteza imbere ihangwa n'ikorwa ry'umurimo unoze, yateguwe ku bufatanye na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo. Ibi biganiro byateguwe hagamijwe kwibutsa ubufatanye bw'inzego mu guhanga umulimo, kwibukira uburenganzira bw'umukozi ku Kazi ndetse n'ibyo nawe agomba kubahiriza mu nshingano ze.



Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel ari kumwe na bwana Musonera Abdoul wari uhagarariye MIFOTRA nibo bayoboye ibi biganiro.




Hari hatumiwe abayobozi b'Ibigo by'amashuri y'ubumenyi ngiro, hamwe n'abayobozi b'Ibigo byigenga (abikorera), PSF ndetse n'abahagarariye JADF. Abitabiriye bose biyemeje gukomeza gutanga umusanzu wabo mu kubaka urwego rw'abikorera mu buryo bufatika, kuko nirwo rutanga akazi ku bantu benshi bityo ubushomeri bukagabanuka.

## HAKOMEJE GAHUNDA Z'ITORERO RY'UMUDUGUDU

Hiryano no hino mu Midugudu tariki 17 Ukuboza 2024, hakozwe Itorero ry'Umudugudu hagamijwe kongera kwibukiranya indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Mu Murenge wa Gacurabwenge Akagari ka Gihinga, Umudugudu wa Karama, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yifatanyije n'abaturage b'Umudugudu wa Karama.

Umurenge wari uhagarariwe na Mme UMUTESI Marie Claire ushinzwe Irangamimerere na notariya mu Murenge hari kandi Mme BIHOYIKI M Rose Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Gihinga n'abayobozi b'Umudugudu wa Karama.

Haganiriwe ku gushyira ku mugaragaro Itorero ry'Igihugu ku Mudugudu, gushimangira indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira no Kwimakaza ubunyarwanda









## RUNDA: HABEREYE IBIRORI BYO KU RWEGO RW'AKARERE BYO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA WA MWALIMU

Tariki 13 Ukuboza 2024, Kimwe n'ahandi mu Mirenge igize Akarere ka Kamonyi uyu munsi ubuyobozi n'abaturage bifatanyije mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe kuzirikana akamaro ka Mwalimu mu iterambere ry'Igihugu.

Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe n'izindi nzego bifatanyije n'abarimu ndetse n'abayobozi b'ibigo mu kwizihiza uyu mu Murenge wa Runda mu birori byabereye muri EP Saint Stanislas Ruyenzi mu Murenge wa Runda.

Muri rusange ibirori byaranzwe no gushimira abarimu ku bw'umusanzu wabo mu burezi. Ibigo byitwaye neza mu gutsindisha abanyeshuri benshi mu bizamini bya Leta by'umwaka ushize byahawe icyemezo cy'ishimwe.

Habayeho kandi mu Murenge wa Runda gushyikiriza abana batsinze neza mu bizamini bya Leta by'umwaka ushize, bahawe buri wese mudasobwa zaguzwe ku ku bufatanye na IEE umufatanyabikorwa w'Akarere.







## UBUYOBOZI BWITAYE KU GUKEMURA IBIBAZO BISHINGIYE KU MIKORESHEREZE Y'UBUTAKA



Mu kwezi k'Ukuboza, ku bufatanye bw'Akarere n'Ishami ry'ubutaka, imyubakire n'ibikorwaremezo hamwe n'Umuryango CLADHO batangiye igikorwa cyo gukemura ibibazo bishingiye ku butaka bakaba barazengurutse mu Mirenge bakira abaturage banababakemurira ibibazo bafite.



Ni igikorwa cyahereye mu Murenge wa Mugina aho abitabiriye bari gukomeza biyongera kandi ahanini ibibazo bahuriyeho birarebana n'ihererekanya n'iyandikisha ry'ubutaka. Iki gikorwa kiri gukurikiranwa n'Umuyobozi w'Ishami rya OSC Mme Murekatete Marie Goretti. Iyi gahunda yatanze umusaruro kuko ni uburyo bwo kwegereza abaturage serivisi hagamijwe gukumira ruswa n'akarengane mu nzego zose.



# GACURABWENGE: HIZIHIRIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAKOPERATIVE



I Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge tariki 06 Ukuboza 2024, habereye ku rwego rw'Akarere ibirori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'amakoperative. Insanganyamatsiko iragira iti:" Koperative-Ahazaza heza kuri bose". Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'umuyobozi wa RCA mu Ntara y'Amajyepfo bwana HAMISI jean Damascene bitabbiriye ibi birori, hari kandi VM ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel n'abagize inzego z'umutekano.



Nyuma y'isuzuma ryakozwe mu mikorere y'amakoperative mu Karere, koperative yahize izindi muri buri Murenge uyu munsi yashyikirijwe icyemezo cy'ishimwe kubera imikorere n'imiyoborere ihamye ndetse n'imicungire myiza y'umutungo wa koperative.



Koperative COOPRORIZ ABAHUZABIKORWA niyo yahize andi makoperative mu Karere yahawe igikombe.

# RUGALIKA: HON. MUKAMA ABBAS YAKIRIYE ANAKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE









Ubwo yitabiraga igikorwa cyo gutangiza ukwezi kwahariwe kurwanya ruswa n'akarenga tariki 03 Ukuboza 2024, Umuvunyi Mukuru Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa bwana Mukama Abbas yakiriye ndetse anakemura ibibazo abaturage bagejeje ku rwego rw'Umuvunyi mu Murenge wa Rugalika Akagari ka Bihembe. Ni ibibazo ahanini birebana n'akarengane, amakimbirane yo mu ngo n'amakimbirane ashingiye ku butaka.

Igikorwa cyo gutangiza ukwezi kwahariwe kurwanya ruswa n'akarengane yari kumwe n'umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere hamwe n'inzego z'umutekano (Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Furaha Fulgence n'Umuyobozi wa RIB mu Karere Mme Mukandahiro Jeanne d'Arc.

Muri iki gikorwa hakiriwe ibibazo by'abaturage byagejejwe ku rwego rw'umuvunyi birimo ibibazo by'akarengane iyi gahunda yahujwe n'inteko z'abaturage zisanzwe ziterana buri wa kabiri ku mugoroba.

**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**'PR, Media & Communications"**